**INSTITUT D'ENSEIGNEMENT SUPÉRIEUR DE RUHENGERI**
B.P. 155, Ruhengeri, Rwanda
**T** : +250 788 90 30 30, +250 788 90 30 32, **W** : www.ines.ac.rw, **E** : inesruhengeri@yahoo.fr

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Uyu munsi taliki ya 6 Gashyantare 2019, INES-Ruhengeri yasuwe n'abashyitsi baturutse muri AIMS Rwanda (The African Institute for Mathematical Sciences).
AIMS Rwanda ni ikigo cyigisha amasomo yibanda cyane kuri sciences n'imibare kikaba gikorera mu bihugu bitandukanye harimo n' u Rwanda. Iyi kaminuza y'icyitegererezo muri Afurika yashinzwe hagamijwe kubaka ubushozi no kwigira by'abanyafurika mu masomo ajyanye na siyansi n'imibare.

INES-Ruhengeri nka Kaminuza y'ubumenyingiro ifite byinshi isangiye na AIMS Rwanda nko kuba aya mashuri yombi ashishikajwe n'iterambere ry'amasomo ashingiye ku bumenyi na siyansi.
Ibi kandi biri no muri gahunda ya Leta y'urwanda yo guteza imbere amasomo y'ubumenyi n'ikoranabuhanga ariyo yitwa STEM (Sciences, Technology, Engineering and Mathematics).

INES-Ruhengeri na AIMS Rwanda bagiranye amasezerano y'imikoranire kuva taliki ya 17 Werurwe 2018, uru ruzinduko rero ni urwo kugira ngo impande zombi ziganire ku ngingo zitandukanye z'imikoranire mu rwego rwo guteza imbere imyigire n'imyigishirize muri izi kamunuza; nko guhererekana abarimu n'abanyeshuri (academic staff and students exchange), gukorera hamwe ubushakashatsi bushingiye ku bumenyi n'ikorana buhanga, gutegurira hamwe inama n'ibigniro bigamije iterambere (conferences), gukoresha laboratories za INES-Ruhengeri mubushakashatsi bukorwa, kungurana inama mu buryo bwiza bwo gutegura ukwimenyereza ku murimo kw'abanyeshuri (internship), n'ibindi.

Icyerekezo cya INES-Ruhengeri cyo kuba Kaminuza y'Ubumenyingiro gisaba kugirana imikoranire n'ibindi bigo yaba inganda, ibigo by'ubushakashatsi ndetse'izindi kamunuza kugirango bifashe abarimu n'abanyeshyuri kuvoma ubumenyi buturutse hirya no hino.